# buri nyuma y'iswalat ntukareke kuvuga aya magambo: "ALLAHUMA A'INIII ALA DHIKRIKA WA SHUKRIKA WA HUSNI IBADATIKA: Mana Nyagasani nshoboza kugusingiza, no kugushimira, no kukugaragira nkuko bikwiye

Hadith yaturutse kwa Mu'adh Ibun Djabal (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamufashe ukuboko nuko iravuga iti: Yewe Mu'adh, ndahiye ku izina rya Allah ko ngukunda, hanyuma iravuga iti: Ndakugira inama yewe Mu'adh buri nyuma y'iswalat ntukareke kuvuga aya magambo: "ALLAHUMA A'INIII ALA DHIKRIKA WA SHUKRIKA WA HUSNI IBADATIKA: Mana Nyagasani nshoboza kugusingiza, no kugushimira, no kukugaragira nkuko bikwiye."

[Hadithi y'impamo]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yafashe ukuboko Muadh (Imana imwishimire) maze iramubwira iti: Ndahiye ku izina rya Allah ko ngukunda, kandi ndakugira inama yewe Muadh ko nyuma ya buri swalat utazareka aya magambo: (ALLAHUMA AINII ALA DHIKRIKA: Nyagasani Mana nshoboza kugusingiza) muri buri mvugo, n'igikorwa kinyegereza kukumvira). (WASHUKRIKA): No kugushimira kubera ingabire zawe, n'ibibi undinda. (WA HUSNI IBADATIKA): Nkwegurira amasengesho wowe wenyine, nanagendera ku muyoboro neretswe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee